LOLC UNGUKA FINANCE

**AMASEZERANO Y'INGWATE KU INGUZANYO N°------/202--**

**Hagati ya**

**LOLC UNGUKA FINANCE Plc,** yanditse ku cyemezo **Nº 100500249**, yitwa muri aya masezerano **« Sosiyete »,** ihagarariwe na **----------------**, Umucungamutungo w'Ishami rya **----------------,** ku ruhande rumwe;

**Na**

| **Amazina** | **Nomero y'Indangamuntu** | **Aho yatangiwe** | **Aho batuye** | **No ya telefone** | **Muri aya masezerano kurundi ruhande bitwa** |
|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | «Uwatanze ingwate» |
| | | | | | «Uwatanze ingwate» |

Hashingiwe ku masezerano y'inguzanyo **N°----/2025** Ugurizwa yagiranye na Sosiyete kuwa **------/----/2025,** yometse kuri aya masezerano Sosiyete igiranye n'uwatanze ingwate ;

Hashingiwe kandi ko Ugurizwa adafite ingwate bityo akaba yashatse umutangira ingwate kugirango nadashobora kwishyura inguzanyo ahawe na Sosiyete ingwate *izagurishwe/zizagurishwe* kugirango hishyurwe umwenda wose Ugurizwa abereyemo Sosiyete;

Hashingiwe na none ko Uwatanze ingwate azi ibikubiye mu masezerano y'inguzanyo **N°----/2025** bityo akaba yemeye ko ingwate atanze *izagurishwa/zizagurishwa* kugira ngo hishyurwe umwenda wose Ugurizwa abereyemo Sosiyete igihe cyose Ugurizwa azaba adashoboye kwishyura inguzanyo yafashe ku mpamvu iyo ariyo yose;

**Impande zombi zumvikanye ku masezerano y'ingwate akubiye mu ngingo zikurikira:**

**<u>Ingingo 1:</u> Icyo aya masezerano agamije**

Aya masezerano akozwe hagati ya Sosiyete n'Uwatanze ingwate agamije gutangaho ingwate *umutungo/imitungo utimukanwa/itimukanwa* nk'uko *uvugwa/ivugwa* mu ngingo ya 2 y'aya masezerano.

**<u>Ingingo ya 2 : Ingwate itanzwe/zitanzwe</u>**

2.1. Mu rwego rwo gushyira mubikorwa ibivugwa mu ngingo ya 1 y'aya masezerano, Uwatanze ingwate atanze *umutungo/imitungo utimukanwa/itimukanwa ugizwe/igizwe* n'ibi bukurikira, kandi *ugize/igize* aya masezerano kugeza igihe inguzanyo izaba yishyuwe.

| UPI | Umudugudu | Akagali | Umurenge | Akarere |
|---|---|---|---|---|
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |

2.2. Uwatanze ingwate yemeye ko *umutungo/imitungo uvuzwe/ivuzwe* haruguru ari uwe/iye kandi ko ntawundi muntu *uwufiteho/uyifiteho* uburenganzira atamenyesheje Sosiyete, kandi ko ntahandi *watanzweho/yatanzweho* ubugwate cyangwa ngo *ube/ibe ufatiriwe/ifatiriwe*

**<u>Ingingo ya 3</u> : Uburenganzira Uwatanze ingwate ahaye Sosiyete**

Uwatanze ingwate ahaye Sosiyete uburenganzira bwo *kuyandikisha/kuzandikisha* k'Umwanditsi Mukuru mbere yo gushyira amafaranga y'inguzanyo kuri Konti y'Ugurizwa. Yemeye kandi ko iyandikwa ry'ingwate rikomeza kugira agaciro mu gihe cy'imyaka --------.

**<u>Ingingo ya 4</u>: Inshingano z'Uwatanze ingwate**

4.1. Inshingano z' Uwatanze ingwate n'izi zikurikira:

**a.** gucunga neza ingwate harimo no kuba abujijwe *kuyigurisha/kuzigurisha* cyangwa *kuyitangaho/kuzitangaho* ubundi bugwate ubwo aribwo bwose no kuba yagira icyo *ayikoraho/azikoraho cyayitesha/cyazitesha* agaciro atabiherewe uburenganzira bwanditse na Sosiyete;

**b.** kumenyesha Sosiyete impamvu iyo ariyo yose itamuturutseho ishobora kugabanya agaciro k'ingwate *yatanze/zatanzwe* cyangwa ikindi kintu icyo aricyo cyose cyabangamira uburenganzira Sosiyete ifite ku ngwate.

4.2. Izi nshingano z'Uwatanze ingwate n'izindi ngingo z'aya masezerano zizakomeza kubaho kugeza igihe umwenda wose uzaba wishyuwe.

**<u>Ingingo ya 5</u>: Uburenganzira bwa Sosiyete ku ngwate**

Mu gihe Ugurizwa ananiwe kwishyura umwenda nk'uko amasezerano y'inguzanyo abiteganya, Uwatanze ingwate ahaye Sosiyete uburenganzira bwo guhitamo gucunga, gukodesha, kugurisha cyangwa kwegukana ingwate. Mukubahiriza iyi ngingo hazakurikizwa ibyo itegeko n° 10/2009 ryo kuwa 14/05/2009 ryerekeye ubugwate ku mutungo utimukanwa nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu n'amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru agenga ibyerekeye gukodesha, kugurisha muri cyamunara ndetse no kwegukana ingwate biteganya.

Mu gihe Sosiyete yahisemo kugurisha ingwate, Uwatanze ingwate ahaye Sosiyete uburenganzira bwo kwiyishyura ku kiguzi cy'ingwate amafaranga yose Ugurizwa ayibereyemo hiyongereyeho amafaranga yose yakoreshejwe mu kwishyuza umwenda wahawe Ugurizwa harimo nayatanzwe mu mihango yo kugurisha ingwate.

**<u>Ingingo ya 6:</u> Uburyo Sosiyete izitabaza igihe Ugurizwa azaba atishyuye**

Mbere yo gukoresha uburenganzira buteganywa mungingo ya 5, Sosiyete ifite inshingano yo kumenyesha Uwatanze ingwate ko Ugurizwa yananiwe kwishyura kugira ngo akoreshe uburyo bwose bushoboka bwo kurengera ingwate yatanze.

**<u>Ingingo ya 7</u>: Impinduka kuri aya masezerano**

Aya masezerano ashobora guhinduka impande zombi zibyumvikanyeho mu nyandiko. Ntampinduka nimwe kuri aya masezerano yakubahirizwa n'uruhande urwo arirwo rwose keretse ikozwe mu nyandiko yashyizweho umukono n'impande zombi.

**<u>Ingingo ya 8</u>: Amategeko azakurikizwa n'uko impaka zizakemurwa**

Amategeko azakurikizwa mu gusesengura no mu gushyira mu bikorwa ibikubiye muri aya masezerano ni amategeko ya Repubulika y'u Rwanda.

Impaka zose zavuka mu iyubahirizwa ry'aya masezerano zizakemurwa binyuze mu bwumvikane, nibidashoboka, ikibazo kizakemurwa n'inkiko zibifitiye ububasha.

**<u>Ingingo ya 9</u>: Ingingo zisoza**

9.1. Aya masezerano akozwe muri kopi eshatu (3), imwe ya Sosiyete, iy'Uwatanze ingwate n'iya Noteri kandi zose zifite agaciro kamwe.

9.2. Uwatanze ingwate ahawe iminsi ibiri (2) mbere yo gusinya aya masezerano kugirango ayasome kandi agishe inama.

**Ingingo ya 10: Ishyirwa mubikorwa ry'aya masezerano**

Aya masezerano atangira gushyirwa mubikorwa akimara gushyirwaho umukono n'impande zombi.

**Bikorewe i ----------, kuwa ----/----/202--**

| **Uwatanze ingwate** | **Sosiyete** |
|---|---|
| **-------------------------** | **----------------------** |
| | **Umucungamutungo** |

---------------------

Nasomye/Numvise kandi nemeye ibikubiye
muri aya masezerano